REPUBLIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, kuwa 22/04/2020
No 951/07.05.03/01/M

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA GATSIBO
B.P. 36 NYAGATARE
Gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

Bwana Umuvunyi Mukuru – Kigali

**Impamvu: Kubagezaho raporo ikomatanije y'ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo**

Bwana Muvunyi Mukuru,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngirango mbagezeho raporo ikomatanije y'ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere ka Gatsibo.

Ku mugereka w'iyi baruwa murahasanga raporo ku buryo burambuye.

Mugire amahoro.

**GASANA Richard**
**Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu- **Kigali**
- Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba - **Rwamagana**
- Bwana Perezida w'Inama Njyanama mu Karere ka Gatsibo
- Bwana/Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo wungirije (Bose)
- Bwana/Madamu Ugize Komite Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku Karere

## RAPORO IKOMATANIJE Y'IBIKORWA BY'INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MU KARERE KA GATSIBO

### Intangiriro

Nk'uko biteganywa mu Iteka rya Perezida n° 64/01 ryo kuwa 12/02/2014 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane, Imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ihera ku rwego rw'Igihugu, ikaba kandi iri ku rwego rw'Akarere, urw'Umurenge ndetse n'urw'Akagari;

Nk'uko biteganyijwe kandi mu iteganyabikorwa ry'umwaka wa 2020 ry'inama ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Akarere, mu Karere hakozwemo ibikorwa bitandukanye; bimwe mu bikorwa byakozwe ni ibi bikurikira:

1. Kurebera hamwe uko ibikorwa by'umwaka wa 2019 byagenze
2. Gushyiraho no kwemeza ibikorwa by'Inama ya DACACI mu mwaka wa 2020 no Kurebera hamwe ibikorwa Imirenge izakora mu mwaka wa 2020 no gukora inama y'igihembwe
3. Kurebera hamwe impamvu hari ahakivugwa ruswa n'impamvu yabyo no gukemura ibibazo by'abaturage
4. Gukora urugendo rw'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane
5. Kwitabira icyumweru cy'ubutabera no gutangamo ibiganiro byo kurwanya ruswa n'Akarengane
6. Kugaragaza ibikorwa by'inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku binyamakuru bitandukanye, socials medias, etc...

## INGINGO ZAGANIRIWEHO MU NAMA KU BURYO BURAMBUYE

### 1. KUREBERA HAMWE UKO IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2019 BYAGENZE

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo akaba n'Umuyobozi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Akarere **Bwana GASANA Richard** yatangiye ashimira uruhare rukomeye no gushyira hamwe bigaragazwa n'Abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku Karere mu gukora ibikorwa biyemeje kandi bakabiha umwanya uhagije ndetse bikwiriye. Yabagaragarije ko muri iyi myaka itartu ishize bigaragara ko DACACI yahawe umwanya kandi bigatanga umusaruro kuko bigaragarira mu bikombe Akarere gahabwa gashimirwa ibyo kagezeho.

Ibi yabigaragaje abashimira cyane aho Akarere mu mwaka wa 2017 kaje ku mwanya wa Gatanu (5), mu mwaka wa 2018 kaza ku mwanya wa kabiri (2) naho mu mwaka wa 2019 kakaza ku mwanya wa mbere (1).

Muri rusange abagize DACACI bishimiye igikombe Akarere kahawe kandi biyemeza gukomeza gushyira hamwe kugira ngo imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane izakomeze inshingano zayo neza kandi zikomeze ku isonga; biyemeje kandi gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje mu

mwaka wa 2020 no gukora ibishoboka byose ubukangurambaga mu kurwanya ruswa n'Akarengane bikagera kuri benshi bashoboka.





Inama y'igihembwe cya mbere inategura ndetse ikarebera hamwe ibikorwa by'umwaka n'ibyagezweho

## 2. GUSHYIRAHO NO KWEMEZA IGENAMIGAMBI RY'IBIKORWA BY'INAMA YA DACACI MU MWAKA WA 2020 NO KUREBERA HAMWE IBIKORWA IMIRENGE IZAKORA MU MWAKA WA 2020 NO GUKORA INAMA Y'IGIHEMBWE CYA MBERE

Hagendewe ku Iteka rya Perezida N° 64/01 ryo ku wa 12/02/2014 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane, Abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Akarere; Nyuma yo kungurana ibitekerezo bitandukanye, bemeje iteganyabikorwa maze iha n'umurongo ibikorwa bizakorwa n'umurenge n'akagari, ku rwego rw'Akarere hemejwe gahunda y'ibikorwa izagenderaho mu mwaka wa 2020 nk'uko biraba biri ku mugereka w'iyi raporo naho iteganyabikorwa ku mirenge n'akagari nabyo bikazagezwa ku nama ngishwanama z'Imirenge iki gihembwe cya mbere kugirango batangire babishyire mu bikorwa kandi bitangirwe raporo.

## 3. KUREBERA HAMWE IMPAMVU HARI AHAKIVUGWA RUSWA N'IMPAMVU YABYO

Inama Ngishwanama yo kurwana ruswa n'akarengane yaganiriye kandi ku ngamba zitandukanye zo guca ruswa n'akarengane cyane cyane kuganiriza urubyiruko mu ngeri zitandukanye no gukomeza ubukangurambaga kuri buri cyiciro gihagarariwe mu nama Ngishwanama yo kurwanya rusa n'Akarengane.

DACACI baganiriye kandi kuri cases zimwe na zimwe aho bamwe mu nzego zitandukanye batanga ruswa kubera impamvu zitandukanye harimo ariko mu byukuri nta shingiro kuku bifite inzira zagenwe bicamo, hatanzwe ingero nko:

- Kwanga gucibwa ibihano ugatanga ruswa ngo ugirwe umwere;
- Kwanga gutanga ihazabu nini ugahitamo gutanga ruswa ya make;
- Gushaka gukorerwa ibyo udafitiye uburenganzira witwaje ikoreshagitinyiro, ikimenyane cyangwa icyenewabo;
- Gushaka "kumvisha"
- Gushaka serivise yihuse ukumva ko utanze ruswa aribyo byabikemura
- N'ibindi….

Inzego zose zemeranije ko gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje mu kurwanya ruswa n'akarengane bigomba kuba intego mu rwego rwo guhashya ruswa n'akarengane mu Karere.

## 4. GUKORA URUGENDO RW'INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE NO GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE MU RWEGO RWO GUCA AKARENGANE

Kuwa 13/02/2020 mu Karere ka Gatsibo, Umurenge wa Ngarama, Akagari ka Ngarama hakozwe ubukangurambaga bugamije kurwanya ruswa n'akarengane. Iki gikorwa cyatangijwe n'urugendo rwo kwamagana ruswa kuva ku Murenge wa Ngarama berekeza kuri ADEPR basoreza ku cyumba cy'amashuri cya Ngarama. Iki gikorwa kitabiriwe n'abagize inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane mu

Karere bayobowe n'Umuyobozi w'Akarere **Bwana GASANA Richard** bari kumwe n' ubuyobozi bw'Umurenge, Akagari n'Umudugudu, abunzi mu kagari n'Umurenge, Abanyeshuri n'abaturage muri rusange.

Umuyobozi w'Akarere akaba nUmuyobozi w' Inama Ngishwanama yo kurwana ruswa n'akarengane **Bwana GASANA Richard** yatanze ubutumwa asaba buri wese

- ✓ Kwirinda ruswa n'Akarengane mu nzego zose no kuyamagana no kuyirwanya mu nzego zose
- ✓ Kugaragaza no gutanga amakuru kuwatanze cyangwa wakiye ruswa kare mu rwego rwo guhangana n'ingaruka zayo
- ✓ Kugira ubufatanye mu kurwanya ruswa n'Akarengane mu nzego zose

Umuyobozi kandi yasabye ko ku bijyanye n'Akarengane cyane cyane abana, bazajya batabaza igihe hari ihohoterwa rigiye kubakorerwa kandi bagatangira amakuru ku gihe byaba ngombwa bakavuza induru ku ihohoterwa ryamukorerwa iryo ari ryo ryose, aho yasabye ababyeyi kuzuza inshingano zabo ko nabyo biri mu gukuirikirana akarengane gashobora no gukorerwa mu ngo.

Mu gusoza, yasabye inzego zose ubufatanye mu Karere mu rugamba rwo kurwanya ruswa n'Akarengane aho kava hose.

Ibi bikorwa kandi umuyobozi anakemurira ibibazo mu nteko, inama n'ahandi hatandukanye bitewe n'ikibazo cy'Akarengane cyagaragaye, ibi bituma ubuyobozi bwizerwa ndetse bukabona n'amakuru kuri ruswa mu rwego rwo kuyihashya

**Gatsibo District** @GatsiboDistrict · Feb 25
Mu nteko rusange z'abaturage za buri wa Kabiri no kuwa gatanu @GatsiboDistrict , abaturage bageza ibyifuzo byabo ku buyobozi n'ibibazo bafite mu rwego rwo kubishakira ibisubizo @RwandaEast @RwandaLocalGov



Ministry of Local Government | Rwanda and 9 others

3

Mu Nteko zitandukanye z'abaturage, Umuyobozi w'Akarere yakira ibibazo by'Abaturage mu rwgo rwo kubiha umurongo yirinda Akarengane






Abagize Inama Ngishwanama mu rugendo rwo kwamagana ruswa n'Akarengane

## 5. KWITABIRA ICYUMWERU CY'UBUTABERA NO GUTANGAMO IBIGANIRO BYO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

Mu Karere ka Gatsibo, mu Murenge wa Ngarama, ku gicamunsi cyo kuwa 13/02/2020; Abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku Karere, Imirenge, Utugari bitabiriye ibiganiro byatanzwe na Komite Ngishwanama yo kurwanya ruswa ku rwego rw'Akarere aho hatanzwe ubutumwa bushishikariza buri wese witabiriye ibiganiro kurwanya ruswa n'Akarengane kandi muri iki cyumweru cy'ubutabera ko amakuru agomba gutangwa ku hantu hose hagaragaye ruswa cyangwa akarengane.
Ibi biganiro kandi byitabiriwe n'ibyiciro bitandukanye harimo abunzi, amashuri, n'abandi... Iki gikorwa cyatangijwe n'urugendo rwo kwamagana ruswa n'Akarengane.





Umuyobozi wa DACACI mu Karere aha ikiganiro abari bitabiriye ku bubi bwa Ruswa



Umuyobozi w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare atanga ikiganiro ku bitabirye

**6. Kugaragaza ibikorwa by'inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku binyamakuru bitandukanye, socials medias, etc...**

AKarere ka Gatsibo kiyemeje gukwirakwiza ubutumwa butandukanye mu kurwanya ruswa n'Akarengane biciye mu buryo bwinshi kandi bigira ingaruka nziza ku buzima bw'Akarere mu gushishikariza abaturage ndetse n'izindi nzego zitandukanye kurwanya ruswa n'Akarengane. Mu kubikora haba harimo n'Imbuga Nkoranyambaga **"Social media"** n'ibindi...

Ubu buryo rero bugenda bukangurira abantu b'ingeri zitandukanye gutunga agatoki ahagaragaye ruswa no kuvuga ikibazo mu nzira zose zishoboka. Ibi bikorwa byose kandi hashyizweho uburyo butabangamirana gutanga amakuru kandi abaturage bashishikarizwa kwigirira ikizere mubyo bakora bigatuma haramutse hagira ushaka kurenganya umuntu cyangwa gutanga ruswa amakuru Ahita yihuta maze inzego zigakorana mu kurwanya ibi bikorwa bimunga igihugu.

Mu bikorwa byakozwe harimo

- ✓ Kumenyekanisha inimero itishyurwa y'Akarere **3380**
- ✓ Gushyira kuri website y'Akarere **www.gatsibo.gov.rw**, Link igaragaza kurwanya ruswa n'Akarengane
- ✓ Kumenyekanisha ibikorwa mu MVAHO NSHYA
- ✓ Etc...

T




Kuri website y'Akarere , hariho link yo kurwanya ruswa mu rwego rwo gukangurira ibyiciro bitandukanye kuyirwaya




Kuri twitter y'Akarere , ibikorwa bigezwaho igihe cyose bibaye mu rwego rwo gushishikariza abantu ububi bwa ruswa n'Akarengane



6 IMVAHO NSHYA KU WA GATANDATU 13 GASHYANTARE 2020 NO 5136

Amakuru

# MINEDUC: Kuba warize uburezi si byo biguha akazi ko kwigisha-Dr. Mutimura

BUTAYIJIRE EMILE

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo (uwa 3 ibumoso) yasabye abaturage kwirinda ruswa n'akarengane (Ch...)

# Gatsibo: Meya Gasana yasabye abaturage kwamagana ruswa n'akarengane

KAYITARE JEAN PAUL

UMUYOBOZI w'Akarere ka Gatsibo mu ntara y'Iburasirazuba, Gasana Richard, yasabye abaturage bo mu murenge wa Ngarama kurwanya ruswa n'akarengane.

Ibi byagarutsweho mu bukangurambaga bugamije kurwanya ruswa n'akarengane.

**Ikinyamakuru IMVAHO NSHYA** gisohora inkuru ku butumwa bwo kurwnya ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo

7

**Umusozo**

Nk'uko biteganywa n'Amategeko yavuzwe haruguru, ibikorwa by'inama ngishwanama byarakozwe kandi byatanze umusaruro, mu kugaragaza isura nziza y'Akarere ndetse n'imyumvire y'abaturage muri rusange. Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku Karere ndetse n'iz'Imirenge bakoze ibikorwa byinshi bitandukanye kandi mu bufatanye bw'inzego nyishi zitandukanye, ruswa n'Akarengane bigenda bivugwa mu mpande zose hagaragazwa ububi bwazo mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza izira ruswa n'akarengane mu Karere byo soko y'iterambere.

Biteguwe na:

**NANKUNDA Jolly**
Umunditsi w'Inama Ngishwanama yo
Ngishwanama yo Kurwanya ruswa n'Akarengane
n'Akarengane
mu Karere ka Gatsibo

Byemejwe na

**GASANA Richard**
Umuyobozi w'Inama
yo Kurwanya ruswa

mu Karere ka Gatsibo